Media weekly report (11-15 Avril, 2016)

Igihe Ltd

Abahatanira PGGSS6 batanze mituelle igihumbi ku batishoboye mu Karere ka Kicukiro

Mu nkuru y'ikinyamakuru Igihe yasohotse ku itariki ya **14 Mata 2016** iravuga ko abahanzi 10 bari muri Primus Guma Guma Super Star ya 6 baherekejwe n'abayobozi ba BRALIRWA itegura irushanwa, batanze ubwisungane mu kwivuza ku miryango igihumbi irimo abarokotse Jenoside n'abatishoboye bo mu Murenge wa Kicukiro mu Karere ka Kicukiro. Amafaranga angana na Miliyoni 5 yatanzwe naba bahanzi, akaba yaratanzwe nk'impano mu rwego rwo kwifatanya n'Abanyarwanda kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi.

Soma inkuru kuburyo burambuye: http://mobile.igihe.com/imyidagaduro/article/abahatanira-pggss6-batanze-mituelle-igihumbi-ku-batishoboye-mu-karere-ka kicukiro

Abakoresha bagera kuri 20% ntibatangira abakozi babo imisanzu y'izabukuru-RSSB

Mu kiganiro IGIHE yagiranye na Oswald Munyandekwe ukuriye Ishami rya Pansiyo ndetse n'iry'ibyago bikomoka ku kazi muri RSSB, yavuze ko nubwo gutangirwa imisanzu ku bakozi mu ishami rya pansiyo ari inshingano bahabwa n'itegeko, ntibikuraho ko hari bamwe mu bakoresha usanga bagikwepa gutangira abakozi imisanzu y'ubwiteganyirize. Yavuze kandi ku bihano bihabwa abakoresha badatangira abakozi imisanzu y'Ubwiteganyirize bingana 1,5% buri kwezi cyangwa igice cy'ukwezi k'ubukererwe ku misanzu yose itaratanzwe na 1,5% ku misanzu itaramenyekanishijwe ku gihe.

Yakomeje avuga ko ikibazo cyo kutubahiriza itegeko mu gutanga imisanzu kigaragara cyane mu turere tugize umujyi wa Kigali, aho hari ikigereranyo cya 70% cy'abakoresha bubahiriza itegeko, mu gihe mu turere two mu Ntara tugera ku kigereranyo cya 90% bityo bakagera ku kigereranyo cya 80% ku rwego rw'Igihugu. Muri icyo kiganiro Bwana Munyandekwe yashoje ashishikariza abakozi bo mu ngeri zose kwiteganyiriza kugirango birinde kuzagwa mu bukene mu gihe cy'izabukuru.

Soma birambuye: http://mobile.igihe.com/ubukungu/ubwiteganyirize/article/abakoresha-bagera-kuri-20-ntibatangira-abakozi-babo-imisanzu-y-izabukuru

Broadcast programmes

TV1

- Kuri TV1 hamaze iminsi hanyuzwaho ikiganiro kivuga ku kibazo cy' amazi ava mu mudugudu wa **Vision city** asenyera abaturage batuye hafi ya UTEXRWA. Ubuyobozi bwa TV1 bavuga ko begereye ubuyobozi bw' Umujyi wa Kigali mu rwego rwo kumenya impamvu icyo kibazo kidashikirwa igisubizo, Umugi wa Kigali ubatangariza ko abaturage baho babariye imitungo yabo kugirango babimure ariko abaturage bakabyanga. Ariko abaturage bo babwira TV1 ko batigeze bagezwaho icyo cyifuzo cyo kwimurwa.

Tweets on RSSB

1. @RssbInfo: Abakoresha bagera kuri 20% ntibatangira abakozi babo imisanzu y'izabukuru-RSSB.http://mobile.igihe.com/ubukungu/ubwiteganyirize/article/abakoresha-bagera-kuri-20-ntibatangira-abakozi-babo-imisanzu-y-izabukuru

Tweteed to 3,082 thousand people 2 retweets

2. @RssbInfo:Abahatanira PGGSS6 batanze mituelle igihumbi ku batishoboye mu Karere ka Kicukirohttp://mobile.igihe.com/imyidagaduro/article/abahatanira-pggss6-batanze-mituelle-igihumbi-ku-batishoboye-mu-karere-ka kicukiro

Tweteed to 3,082 thousand people 4 retweets

Internal Information

Ishoramari rikorwa na RSSB: Ni kenshi usanga abanyamuryango ba RSSB bibaza ku bikorwa bitandukanye bikorwa n' ikigo cyacu, ariko cyane ku ishoramari gikora. Muri urwo rwego twifuje kubagezaho ishoramari rikorwa na RSSB ; impamvu rikorwa ndetse n'ibigo dufitemo imigabane kugeza uyu munsi kugira ngo tujye dushobora guha amakuru abifuza kuyamenya.
RSSB ikora ishoramari mu bigo by'imbere mu gihugu ndetse no hanze ariko ikibanda mu ishoramari ry'imbere mu gihugu cyane ko riha imirimo umubare munini w'abanyarwanda ; rikazamura ubukungu bw'u Rwanda n'imibereho myiza y'Abanyarwanda muri rusange**.**Bimwe mu bikorwa RSSB ishoramo imari harimo **nk'impapuro mvunjwafaranga**, **ubwubatsi, sosiyete z'ubwishingizi, banki, amahoteli…**

Ibigo RSSB ifitemo imigabane

COMPANY	% OF RSSB HLDG
SONARWA	16.25%
BK	32.69%
COGEBANQUE	30.54%

B.R.D	33.12%
RWANDATEL	20%
A.G.L	100%
REIC	26.52%
RIG sa	22.60%
CIMERWA Ltd	20.24%
ULTIMATE concept	43.57%
EDGE HOSTELS	80.96%
PRIME ECONOMIC ZONES	14.40%
B.M.I	50%
SOYCO	20%
GACULIRO PROPERTY DEVELOPERS Ltd	100%
UDL	100%
RWANDA FOREIGN INVESTMENT	94.50%
SAFARICOM	0.12%
BRALIRWA	2.80%
NEW FOREST COMPANY	20%
NEW FOREST COMPANY HOLDING LONDON	1.18%
BROLL RWANDA	40%
RWANDA STOCK EXCHANGE	10%
EPIC	21.53%
PTA BANK	4.86%
SOPYRWA	29.70%
INYANGE INDUSTRIES	40.00%
CRYSTAL TELECOM LTD	30.00%
OLLEH RWANDA NETWORKS LTD	6.48%

Abakozi bagera kuri 21 bakoreraga Mutuelle mu rwego rwa District bahawe imyanya ku cyicaro gikuru cya RSSB ku buryo bukurikira :

Post	**Number of staff**
Registration coordination officer	1
Contributors Account management officer	4
Contribution officer CAMU	5
Branches coordination officer	1
Mobilization liaison officer	1
Debt recovery officer	2
Registration officer	2

Accountant officer	5

Moses Kazoora, ACIM
Director PR, Communication and Education
Rwanda Social Security Board
Tel: +250 788357575
E-mail: moses.kazoora@rssb.rw, kazooram@gmail.com